**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU N°002/PS.IMB/NB/2024:'' ISHYAKA PS IMBERAKURI RYASHYIZEHO INZEGO ZISHINZWE KUZAMAMAZA UMUKADIDA WARYO Me NTAGANDA BERNARD MU MATORA YA PREZIDA WA REPUBULIKA YO KUWA 15/07/ 2024''**

**Ishyaka PS Imberakuri;**

Rimaze kubona ko amatora ya Prezida wa Repubulika y'u Rwanda azaba ku italiki ya 15/07/2024 nk'uko byemejwe na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Amatora;

Rishingiye ku itangazo rya Me NTAGANDA Bernard; Prezida Fondateri w'Ishyaka PS Imberakuri ryo kuwa 19/05/2022 ryashimangiraga ko azitabira amatora ya Prezida wa Repubilika yo muri 2024;

Rigarutse kandi ku myanzuro ya Komite Nyobozi y'Ishyaka PS Imberakuri yateranye kuwa 04 Gashyantare 2024;

Ritangarije Abanyarwanda n'Amahanga ibi bikurikira:

**Ingingo ya mbere:**

Hashyizweho ku buryo bukurikira Inzego zishinzwe kuzamamaza Umukadida w'Ishyaka PS Imberakuri, Prezida Fondateri w'Ishyaka PS Imberakuri; Me NTAGANDA Bernard mu matora ya Prezida wa Repubulika azaba kuwa 15/072024:

1. Ubuyobozi bukuru bushinzwe ibikorwa byose byo kwamamaza Umukandida wa PS Imberakuri, bushinzwe Prezida Wungirije w'Ishyaka PS Imberakuri;
2. Umuhuzabikorwa ushinzwe ubukangurambaga mu kwamamaza Umukadinda w'Ishyaka PS Imberakuri, ni Umunyamabanga Mukuru w'Ishyaka PS Imberakuri;
3. Umuvugizi w'Umukandida w'Ishyaka PS Imberakuri ni Umunyamabanga Wihariye wa Prezida Fondateri.
4. Umuhuzabikorwa ushinzwe kwamamaza mu mahanga Umukandida w'Ishyaka PS IMBERAKURI ni Uhagarariye mu mahanga mu rwego rw'amategeko Ishyaka PS Imberakuri;
5. Umuvugizi mu mahanga w'Umukandida w'Ishyaka PS Imberakuri ni Umuvugizi w'Ishyaka PS Imberakuri mu mahanga.

**Ingingo ya 2:**

Ingengo y'Imari izakoreshwa mu kwamamaza Umukandida w'Ishyaka PS Imberakuri; Me NTAGANDA Bernard ni miliyoni magana atandatu na mirongo inani n'ebyibiri n'ibihumbi magana cyenda na mirongo irindwi na bitanu n'amafaranga magana ine y'u Rwanda (682.975.400 frw).

**Ingengo ya 3:**

Ingengo y'Imari yashyizwe mu cyezi mu ngingo ya 2 izaturuka:

1. Mu misanzu y’abarwanashyaka b’Ishyaka PS Imberakuri;
2. Ku nkunga zinyuranye z’abakunzi ba Me NTAGANDA Bernard n’ab’Ishyaka PS Imberakuri.

**Ingingo ya 4:**

Komite Nyobozi y’Ishyaka PS Imberakuri yahaye inshingano Me NTAGANDA Bernard; Prezida Fondateri w’Ishyaka PS Imberakuri zo gushyiraho amabwiriza yihariye yo gusobanuro ibikorwa byose birebana no kwiyamamaza bivugwa muri iri tangazo.

**Ingingo ya 5:**

Mu ijwi riranguruye, Komite Nyobozi y’Ishyaka PS Imberakuri yongeye gusaba Prezida Paul KAGAME kugira ubutwari bwo kwemera guhangana n’Umukandida w’ishyaka PS Imberakuri; Me NTAGANDA Bernard aho gukomeza guhangana n’abakandida bashyira imbere za ntamushobora zabo bagamije gusa kumugeza ku ntsinze iciye mu nzira y’ubusamo.Riboneyeho kandi gusaba ibihungu by’amahanga by’inshuti z’u Rwanda; birimo Leta Zunze Ubumwe z’Amerika,Ubufaransa, Ububiligi,Ubwongereza n’ibindi guhatira Leta y’u Rwanda kwemera amatora adakumira abatavugarumwe nayo.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 09/02/2024**

**Me NTAGANDA Bernard**

**Prezida Fondateri w’Ishyaka PS Imberakuri**

**Kandida Prezida mu Matora ya Prezida wa Repubulika yo kuwa 2024**

